No 249 August 2023

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZEMEJE RAPORO Y'IBIKORWA BYAZO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2022-2023

Nk'uko biteganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro ziterana inshuro imwe mu mezi abiri. Buri Komisiyo yarateranye, yemeza raporo y'ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2022 - 2023

**KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE**.



**Mme M. Epiphanie, V. Presidente wa Komisiyo**

Bimwe mu byo Komisiyo yagezeho mu mwaka wa 2022 - 2023 ni ibi bikurikira:

- **Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022.**

Mu nama ya Komisiyo yo ku wa 24 Kanama 2022 abagize Komisiyo basuzumye banemeza raporo y'ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021 - 2022. Bashimye ko basoje igikorwa cyo gutegura no kunoza Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro; cyemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro yo ku wa 31 Werurwe 2022, gisimbura icyagenderwagaho kuva muri 2015.

- **Gutegura amahugurwa y'abagize Urwego rushinzwe kugenzura imyitwarire no gukemura impaka mu Mutwe wa Politiki.**

Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya 24 Ukwakira 2022, abagize Komisiyo baganiriye ku myiteguro y'aya mahugurwa, bemeza "*concept note"* yayo. Aya mahugurwa yakozwe mu byiciro bibiri, ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Intara. Ku rwego rw'Igihugu yabaye tariki ya 09 Ukuboza 2022, mu mujyi wa Kigali; naho ku rwego rw'Intara abera mu **Ntara y'Iburasirazuba** ku matariki ya 06 - 07 Gicurasi 2023, mu **Ntara y'Amajyepfo** yabaye ku matariki ya 13-14 Gicurasi 2023, mu **Ntara y'Iburengerazuba** yabaye ku matariki ya 20 - 21 Gicurasi 2023. Muri rusange amahugurwa yo muri izi Ntara eshatu yitabiriwe n'abantu 236 kuri 242 bari bateganyijwe, bivuze ko yitabiriwe ku rugero rwa 97.5%.

- **Gukurikirana ituburwa n'itangwa ry'udutabo tw'Indangamyitwarire mu Mitwe ya Politiki.**

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023, Komisiyo yakurikiranye igikorwa cyo gutubura udutabo tw'Indangamyitwarire n'itangwa ryatwo. Utu dutabo twatanzwe mu mahugurwa y'abagize Urwego rushinzwe kugenzura imyitwarire no gukemura impaka mu Mitwe ya Politiki. Hakaba haratanzwe udutabo 238 mu ntara y'Iburasirazuba, Amajyepfo, n'Iburengerazuba. Hateganyijwe gutangwa utundi 88 mu Mujyi wa Kigali no Ntara y'Amajyaruguru.

- **Gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024.**

Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya 13 Kamena 2023, abagize Komisiyo basuzumye Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024. Ibi bikorwa byateguwe hashingiwe ku nshingano za Komisiyo, no ku bikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024, nabyo bikaba byarateguwe hashingiwe ku ngengo y'imari Ihuriro ryizeye kubona muri uyu mwaka.

**KOMISIYO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO**



**Mme N. Esperance, Presidente wa Komisiyo**

Bimwe mu bikorwa Komisiyo yagezeho mu mwaka wa 2022 - 2023 ni ibi bikurikira:

- **Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2021 - 2022.**

Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya 26 Kanama 2022, abagize Komisiyo basuzumye kandi bemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo, mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022.

- **Gutegura insanganyamatsiko z'ibiganiro byaganiriweho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2022 - 2023.**

Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya 26 Kanama 2022, abagize Komisiyo batoranyije insanganyamatsiko 8 z'ibiganiro byagombaga kuganirwaho mu nama z'Inama Rusange y'Ihuriro mu mwaka wa 2022-2023.

- **Gutanga ibitekerezo mu itegurwa ry'inama yo ku rwego rw'Igihugu ku "Uruhare rw'urubyiruko mu miyoborere y'u Rwanda".**

Ku itariki ya 28 Ukwakira 2022 , abagize Komisiyo batanze ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'inama ku "Uruhare rw'urubyiruko mu miyoborere y'u Rwanda: gusigasira ibyagezweho n'uburyo byaramba". Iyi nama ikaba yarabaye ku itariki 03 Gashyantare 2023, ibera muri Hotel Lemigo, yitabirwa n'abantu 180, barimo 82 b'urubyiruko.

- **Kugira uruhare mu gutanga ibitekerezo mu kiganiro ngarukamwaka cyatambutse kuri Radiyo ku munsi mukuru w'ubwigenge bw'u Rwanda, tariki ya 01 Nyakanga 2022.**

Iki kiganiro cyatambutse mu bitangazamakuru bya RBA, cyibanze ku 'Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere Ubumwe bw'Igihugu no kwigenga nyakuri', cyatanzwe na Senateri Umuhire Adrie (Umuvugizi w'Ihuriro), afatanyije na Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr BIZIMANA Jean Damascene, na Hon. NGABITSINZE Jean Chrysostome, Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe wa Politiki PSD.

- **Gutanga ibitekerezo ku itegurwa ry'amahugurwa y'abashinzwe gucunga Imbuga za Interineti z'Imitwe ya Politiki.**

Ku itariki ya 28 Mata 2023, abagize Komisiyo batanze ibitekerezo ku myiteguro y'aya mahugurwa, basaba ko yazasoza abayitabiriye bashobora gushyira amakuru ku mbuga za Interineti z'Imitwe ya Politiki babarizwamo. Amahugurwa yamaze iminsi ine (4) akaba yaritabiriwe n'abantu 11 bashinzwe gucunga imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro. Amahugurwa yabereye mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, ku matariki ya 27-28 Mata 2023, no ku ya 01 - 02 Kamena 2023.

- **Gushishikariza Imitwe ya Politiki kwitabira ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.**

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, Ihuriro ryifatanyije n'abandi Banyarwanda kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kwibuka by'umwihariko abanyapolitiki bishwe muri icyo gihe. Igikorwa cyateguwe na MINUBUMWE, Ihuriro ryasabwe gutegura abantu 33 baturuka mu Mitwe ya Politiki yose irigize, aho buri Mutwe wa politiki wagiye uhagararirwa n'abantu 3, Urubyiruko 100 rwize muri YPLA n'abimenyerezaga umwuga 7 (Stagiaires) mu Ihuriro nabo bitabiriye iki gikorwa.

- **Gusuzuma no kwemeza ibikorwa bya Komisiyo ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo, mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024.**

Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya 09 Kamena 2023, abagize Komisiyo basuzumye kandi bemeza ibikorwa bya Komisiyo ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo, mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024.

Mu bindi bikorwa Komisiyo ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo yagezeho, birimo:
Kungurana ibitekerezo ku migendekere y'inama nyunguranabitekerezo ku mahame n'amategeko bigenga imicungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki; Imigendekere y'amasomo y'icyiciro cya 18 cy'abiga mu ishuri ry'Ihuriro (Youth Political Leadership Academy – YPLA); Kungurana ibitekerezo ku myiteguro y'amahugurwa y'abagize Komisiyo ishinzwe Imitwe ya Politiki muri PanAfricanism Movement Ishami ry'u Rwanda /PAM Rwanda; Kungurana ibitekerezo ku myiteguro y'amahugurwa y'abayobozi b'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki.

**KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA, IBIKORWA BY'IHURIRO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO**.



**Hon. Rutaremara Tito, President wa Komisiyo**

Bimwe mu bikorwa Komisiyo yagezeho ni ibi bikurikira:

- **Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2021- 2022.**

Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya 29 Kanama 2022, abagize Komisiyo basuzumye raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye bw'izindi Nzego mu mwaka wa 2021-2022, barayemeza.

- **Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2021 -2022 n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo muri uwo mwaka.** Iki ni igikorwa kiri mu nshingano z'iyi Komisiyo gikorwa buri mwaka.

- **Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2021 - 2022 no mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari 2022 - 2023.**

Mu nama idasanzwe yateranye tariki ya 19 Nzeri 2022, abagize Komisiyo basuzumye raporo y'ubugenzuzi ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2021 – 2022. Ubugenzuzi bwakozwe n'ikigo GPO Partners, kikaba cyaranzuye ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022, imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro yagenze neza, bikaba byaracunzwe hakurikijwe amategeko abigenga mu Ihuriro.

Na none mu nama ya Komisiyo yo kuwa 18 Mata 2023, abagize Komisiyo basuzumye raporo y'ubugenzuzi ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari 2022 – 2023 (Nyakanga – Ukuboza 2022). Iri genzura ryo ryakozwe n'Ikigo kigenga SRC Rwanda Ltd, kikaba cyaranzuye ko igenzura bakoreye Ihuriro mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka w'ingengo 2022-2023, ryagaragaje ko Ihuriro ryacunze neza umutungo n'imari byaryo, kugeza tariki ya 31 Ukuboza 2022.
Umugenzuzi yashimye ko imyanzuro y'igenzura riheruka yose yashyizwe mu bikorwa ku kigero cy'ijana ku ijana (100%).

- **Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubufatanye Ihuriro rifitanye n'abafatanyabikorwa baryo.** Iki ni igikorwa kiri mu nshingano ihoraho y'iyi Komisiyo.

Mu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023, Ihuriro ryari rifitanye amasezerano y'ubufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP). Ayo masezerano akaba arebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga wo kongerera ubumenyi n'ubushobozi abagore bari mu Nzego z'ubuyobozi mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro. Aya mahugurwa akaba yarabaye mu Ntara y'Iburengerazuba no mu mujyi wa Kigali. Komisiyo yashimye ko amahugurwa agenewe abagore bo mu Mitwe ya Politiki abafasha kunguka ubumenyi muri politiki n'imiyoborere, bakarushaho kumenya uruhare rwabo mu miyoborere y'u Rwanda, bakitabira guhatanira kujya mu myanya y'ubuyobozi ifatirwamo ibyemezo.

- **Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa y'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki (Youth Political Leadership Academy / YPLA).**

Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki 31 Ukwakira 2022 n'iyo ku itariki ya 18 Mata 2023, abagize Komisiyo baganiriye ku myiteguro n'imigendekere y'amahugurwa y'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki (Youth Political Leadership Academy/ YPLA), icyiciro cya 18(Kigali– Karongi YPLA) n'icya 19(Kigali YPLA). Hahuguwe abantu 123, barimo 61 b'igitsina gore, bangana na 49.6% na 62 b'igitsina gabo, bangana na 50.4%.

- **Kungurana ibitekerezo ku migendekere y'inama nyunguranabitekerezo ku Mahame n'amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki.**

Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya 19 Kanama 2022, abagize Komisiyo bunguranye ibitekerezo ku migendekere y'inama nyunguranabitekerezo ku mahame n'amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki. Iyi nama yateguwe ku bufatanye bw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) n'Urwego rw'Umuvunyi. Ikaba yarahuje abantu mirongo itandatu n'umunani (68) barimo abagize Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki.

Mu bindi bikorwa iyi Komisiyo yakoze harimo:

- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023;
- Gutanga ibitekerezo ku itegurwa ry'Iteganyabikorwa ry'Ihuriro mu mwaka wa 2023-2024 n'ingengo y'imari yabyo;
- Gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo ya Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'izindi nzego, mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024;
- Kungurana ibitekerezo ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo ku Uruhare rw'urubyiruko mu miyoborere y'u Rwanda;
- Kungurana ibitekerezo ku migendekere y' inama nyunguranabitekerezo k'uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda.

Muri rusange, muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2022 - 2023 Komisiyo zihoraho z'Ihuriro zakoze inshingano zazo nk'uko biteganywa n'amategeko azigenga. ■